**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA YAVUGIYE MU NTEKO Y'ABATURAGE Y'UMURENGE WA KAMEMBE MU KARERE KA RUSIZI KUWA 06/03/2018

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi;

Bayobozi mu nzego zitandukanye;

Baturage b'Akarere ka Rusizi;

Muraho?

Nejejwe no kuba kuri uyu munsi nifatanyije namwe muri iyi mirimo y'Inteko y'Abaturage;

Kuba twicaye aha nk'abayobozi namwe Abaturage, ntabwo ari impamvu zitunguranye, ahubwo ni ukubera ko twese nk'abanyarwanda dufite intego n'icyerekezo kimwe cyo gushaka inzira twihitiyemo kugira ngo tugere ku byo twifuza kuko tubona ko aribyo bitubereye, birimo kwikemurira ibibazo mu mahoro.

Inteko z'abaturage, ni imwe mu nzira zikomoka mu mwihariko w'abanyarwanda Ubuyobozi bwacu bwahaye agaciro igamije guha abaturage urubuga rwo gusuzumira hamwe ibibazo biri hagati yabo by'umwihariko, n'ibyugarije Igihugu muri rusange, kugira ngo umuti wabyo igihe cyose bishoboka, abe aribo bawutanga;

Abanyarwanda tugeze ku rwego rw'uko ibibazo byacu tutabimenyerwa n'ab'i Muhana, ari yo mpamvu dushyira ingufu mu gushaka ahari icyatudindiza cyose kugira ngo tugikumire cyangwa tukirwanye. Iyi gahunda y'Inteko z'abaturage rero, ni umusemburo wo kwagura imitekerereze ituganisha ku kuvumbura ibibazo no kubishakira ibisubizo tudategereje ak'i Muhana, kuko kaza imvura ihise.

Ku munsi nk'uyu muba mwateranye, ntimukibagirwe kugaruka ku bibazo duterwa n'icuruzwa ndetse n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, ndetse n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kikigaragara mu miryango no mu baturanyi bacu.

Ubuyobozi bw'Igihugu bushyira ingufu nyinshi mu guharanira ko abaturarwanda bagira ubuzima buzira umuze, ikubaka amavuriro, ikigisha abanyamwuga mu by'ubuzima (abaganga, abaforomo, ababyaza, abakora muri za Laboratwari n'abandi). Abiyobya ubwenge n'abayobya ubw'abandi ntibashobora kwihanganirwa, umwanya bafite ni uwo gushakishwa, bakamenyekana, bagahanwa, bakanagororwa. Uwagorowe bikananirana aba yiyobora ku rupfu kuko nta buzima aba agifite ibiyobyabwenge bizamuhitana duhombe umunyarwanda wakabaye akora ibiteza Igihugu imbere.

Byagaragaye ko ibiyobyabwenge bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Gukubita no gukomeretsa hagati y'abashakanye, gusambanya abana, guhoza ku nkeke, ubwicanyi n'ibindi).

Ingaruka z'ibiyobyabwenge n'iz'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni umutwaro wa buri muturarwanda, ni n'umutwaro w'Igihugu muri rusange, ari yo mpamvu kurwanya ibi bibi ari inshingano ya buri wese.

Utaguhohotera yahohotera umwana cyangwa undi munyamuryango wawe cyangwa umuturanyi baca umugani mu kinyarwanda ngo "**Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo**". Ikibi kigaragaye n'ubwo cyaba kigeze kuwo ufata nk'umwanzi nawe kiba kikototera.

Ni ngombwa rero ko buri wese aharanira ko ikibi kidahabwa intebe mu Gihugu cyacu kuko dusangira ibibi n'ibyiza. Ubona cyangwa ukeka aho ikibi kiri nakigaragaze buri rwego rukore icyo rushinzwe.

Sinasoza ntavuze ngo mu Rwanda bitacitse, ariko turashaka kurandurana n'imizi icyabangamira umunyarwnda cyose. Ibiyobyabwenge, ihohoterwa rishingiye ki gitsina n'irindi hohoterwa iryo ari ryo ryose,

ntawakabaye abibona nk'ibisanzwe, twese nk'abitsamuye tubirwanye ku buryo budasanzwe.

Bayobozi mu nzego zitandukanye,

Baturage b'Akarere ka Rusizi,

Dukomeze ubufatanye mu kurandurana n'imizi ibiyobyabwenge n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

Twaje ngo twungurane ibitekerezo namwe, bityo buri wese afate umwanya wo kugira icyo atwungura cyangwa asaba gusobanukirwa hagamijwe kubaka Igihugu kizira ikibi aho cyava hose.

**Mugire amahoro!**

---